

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/22 RYO  
KUWA 07/03/2011 RIGENA AMABWIRIZA  
YO KWANDIKWA MURI REJISITIRI  
KW'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO  
N'ABABYAZA

MINISTERIAL ORDER N° 20/22 OF  
07/03/2011 DETERMINING THE  
REGULATIONS FOR REGISTRATION OF  
NURSES AND MIDWIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 20/22 DU  
07/03/2011 DETERMINANT LA  
REGLEMENTATION DE  
L'ENREGISTREMENT DES  
INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET  
DES SAGES FEMMES

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLES DE MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Object du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Impamvu yo kwandikwa muri  
rejisitiri

**Article 2:** Purpose of registration

**Article 2 :** Objectif de l'enregistrement

**Ingingo ya 3:** Imiterere n'ibyandikwa muli  
rejisitiri

**Article 3:** Nature, structure and content of the  
register

**Article 3:** Nature, structure et contenu du  
registre

**Ingingo ya 4:** Gusaba kwandikwa muri  
rejisitiri

**Article 4:** Application for registration

**Article 4:** Demande d'inscription au registre

**Ingingo ya 5:** Kwemererwa kwandikwa muri  
rejisitiri

**Article 5:** Acceptance for registration

**Article 5:** Acceptation d'enregistrement

**Ingingo ya 6:** Guhakanirwa kwandikwa muri  
rejisitiri

**Article 6:** Refusal of registration

**Article 6:** Refus d'enregistrement

**Ingingo ya 7:** Uburenganzira kubyanditswe no  
guhindura ibiri muriojisitiri

**Article 7:** Access to register and modifications

**Article 7:** Accès au registre et modifications

**Ingingo ya 8:** Guhagarikwa no guhanagurwa muri  
rejisitiri

**Article 8:** Suspension and removal from the  
register

**Article 8:** Suspension et radiation du registre

**Ingingo 9:** Gusubizwa muriojisitiri

**Article 9:** Reinstatement to the register

**Article 9 :** Réinscription au registre

**Ingingo ya 10: Isuzuma ry'impamyabushobozi**

**Article 10: Verification of qualifications**

**Article 10: Vérification des qualifications**

**Ingingo ya 11 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 11: Repealing provision**

**Article 11: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

**Article 12: Commencement**

**Article 12: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/22 RYO KUWA 07/03/2011 RIGENA AMABWIRIZA YO KWANDIKWA MURI REJISITIRI KW'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO N'ABABYAZA**

**MINISTERIAL ORDER N° 20/22 OF 07/03/2011 DETERMINING THE REGULATIONS FOR REGISTRATION OF NURSES AND MIDWIVES**

**ARRETE MINISTERIEL N° 20/22 DU 07/03/2011 DETERMINANT LA REGLEMENTATION DE L'ENREGISTREMENT DES INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET DES SAGES FEMMES**

**Minisitiri w'Ubuzima,**

**The Minister of Health,**

**Le Ministre de la Santé,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in its Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2008 ryo kuwa 25/07/2008 rishyiraho Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byayo cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 18, iya 19, iya 20, iya 21, iya 22, iya 23, iya 24 n'ya 25;

Pursuant to the Law n° 25/2008 of 25/07/2008 Establishing the National Council of Nurses and Midwives and determining its organization, functioning and Competence, especially in Articles, 18, 19, 20, 21, 22, 23, 24 and 25;

Vu la Loi n° 25/2008 du 25/07/2008 portant création, organisation, fonctionnement et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes, spécialement en ses articles, 18, 19, 20, 21, 22, 23, 24 et 25;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/07/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 09/07/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/07/2010;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rigena iyandikwa ry'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza muri rejisitiri y'Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza, yitwa Inama y'Igihugu mu ngingo zikurikira.

This Order determines regulations for registration of nurses and midwives by the National Council of Nurses and midwives, called National Council in the following articles.

Le présent arrêté détermine la réglementation d'inscription au registre des infirmières, infirmiers et sages femmes par le Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages Femmes, appelé Conseil National dans les articles qui suivent.

**Ingingo ya 2 : Impamvu yo kwandikwa muri rejisitiri**

Impamvu y'ingenzi yo kwandikwa muri rejisitiri ni ukugirango habeho umutekano, ubuziranenge n'imikorere myiza iganisha ku ntego y'Inama y'Igihugu.

**Ingingo ya 3 : Imiterere n'ibyandikwa muri rejisitiri**

Rejisitiri iteye mu buryo bubiri bukurikira:

- 1° Rejisitiri yo mu byuma kabuhariwe ;
- 2° Rejisitiri y'igitabo.

Rejisitiri igizwe n' ibice bibiri by'ingenzi:

- 1° Igice kigenewe abafomokazi, abafomomo n'ababyaza banditse;
- 2° Igice kigenewe abafomokazi, abafomomo n'ababyaza bungirije.

Muri rejisitiri handikwamo ibi bukurikira:

- 1° amazina yose;
- 2° itariki y'amavuko;
- 3° impamyabumenyi afite;
- 4° itariki yo yandikiweho;

**Article 2: Purpose of registration**

The main purpose of registration is to ensure safety, quality and effective delivery of services in order to meet the objective of the National Council.

**Article 3: Nature, structure and content of the register**

The registry shall have two (2) following forms:

- 1° Electronic form of registry, and
- 2° Book register.

The register is made up of two major parts:

- 1° Part for registered nurses and midwives;
- 2° Part for assistants nurses and midwives.

The information to be recorded in the register shall be the following:

- 1° full names;
- 2° date of birth;
- 3° Academic qualifications;
- 4° date of entry in the Registry;

**Article 2 : Objectif de l'enregistrement**

L'objectif principal de l'enregistrement est de s'assurer de la sécurité, qualité ainsi que la dispense des services appropriés et adéquats pour atteindre les objectifs du Conseil National.

**Article 3: Nature, structure et contenu du registre**

Le registre a deux (2) formes suivantes:

- 1° Le registre sous forme électronique ;
- 2° Le registre sous forme d'un livre.

Le registre comprend deux parties principales:

- 1° Partie pour le niveau des infirmières, infirmiers et sages femmes enregistrés;
- 2° Partie pour le niveau des infirmières, infirmiers et sages femmes assistants.

L'information contenue dans le registre comporte:

- 1° noms et prénoms ;
- 2° date de naissance ;
- 3° qualifications académiques ;
- 4° date d'enregistrement;

*Official Gazette n°15 of 11/04/2011*

5° inomeru yatanzwe;	5° registration number;	5° numéro d'enregistrement ;
6° igitsina;	6° sex;	6° sexe;
7° aho atuye ;	7° place of residence;	7° résidence;
8° inyito na nomero y'impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi yiyandikishirijeho;	8° Title and the number of the certificate or diploma under which the registrant is recorded;	8° titre et numéro du certificat ou diplôme en vertu duquel le concerné est enregistré;
9° andi makuru yemeza ko yakora neza umwuga w'ubuforomo cyangwa ububyaza.	9° any other relevant information on the applicant's eligibility to practice the profession of nursing or midwifery.	9° toute information pertinente sur l'éligibilité du demandeur à exercer la profession des soins infirmiers ou obstétricaux ;

Iyo umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza wanditswe muri rejisitiri yiyongereye ubumenyi mu mwuga cyangwa akagira indi nyito yerekana ubuhanga cyangwa ubundi bushobozi yungutse, bigomba gutangirwa ibimenyetso kugira ngo bishyirwe muri Rejisitiri kandi byaba ngombwa bigasimbura ibyari biyirimo.

If the registered nurse or midwife acquires a new title or professional qualification, the new information must be proved so that it can be recorded in the register and replace, where appropriate, the previous one.

Au cas où l'infirmière, l'infirmier ou la sage femme acquiert un nouveau titre ou une nouvelle qualification, la nouvelle information doit être prouvée et inscrite au registre et remplace, le cas échéant, la précédente.

Inyito za buri cyiciro cy'abaforomo n'ababyaza zigenwa kandi zikandikwa nk'uko Inama y'Igihugu ibyemeza.

The specific titles of each category of nurses and midwives shall be designated and recorded, as determined by the National Council.

Les titres spécifiques qui sont utilisés par les infirmières, infirmiers et sages-femmes, sont désignés et notés comme déterminé par le Conseil National.

**Ingingo ya 4: Gusaba kwandikwa muri Rejisitiri**

**Article 4: Application for registration in the Register**

**Article 4 : Demande d'inscription au registre**

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza usaba kwandikwa muri rejisitiri abikora hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko n° 25/2008 ryo kuwa 25 /07/2008 rishyiraho Inama y'Igihugu

Any nurse or midwife who intends to apply for registration shall do so in accordance with provisions of the Law n° 25/2008 of 25/07/2008 Establishing the National Council of Nurses and

Les procédures de demande d'inscription d'une infirmière, infirmier ou sage femme restent conformes aux dispositions de la Loi n° 25/2008 du 25 /072008 portant création, organisation,

*Official Gazette n°15 of 11/04/2011*

y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byayo.	Midwives and determining its organization, functioning and competence.	fonctionnement, et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes.
Gusaba kwandikwa muri rejisitiri uko ariko kose bikorwa mu nyandiko hakoreshejwe impapuro zabigenewe zitangwa n'Inama y'Igihugu. Izo mpapuro ziherekezwa n'ibindi byangombwa bisabwa hakurikijwe amabwiriza ya komite ishinze kwandika.	Any application for registration into the register shall be in writing and by use of forms provided by the National Council. The forms shall be accompanied by other relevant documents required in accordance with instructions of the Registration Committee.	Toutes les demandes d'inscription au registre sont soumises sous forme écrite en utilisant des formulaires fournis par le Conseil National. Ces formulaires sont déposés avec d'autres documents requis conformément aux instructions du comité d'enregistrement.
Impapuro zisaba kwandikwa n'ibijyana nazo bigomba gushyikirizwa ibiro by'ushinzwe rejisitiri na nyirazo ubwe, cyangwa hakoreshejwe urwandiko rushyanywe.	Application forms and accompanying documents shall be submitted to the registrar's office in person or by registered mail.	Le formulaire de demande d'inscription et autres documents annexes devront être remis personnellement ou par courrier recommandé au bureau du chargé d'enregistrement.
Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza usaba kwandikwa yishyura amafaranga adasubizwa ashirwa kuri konti y'Inama y'Igihugu, nk'uko biteganywa mu mabwiriza ngengamikorere yayo, mbere yo kuzura impapuro zabugenewe.	Any nurse or midwife who applies for registration shall pay a non-refundable fee deposited into the bank account of the National Council as prescribed in its internal rules and regulations before submitting the appropriate application forms.	Avant de déposer son dossier, chaque infirmière, infirmier ou sage femme paye des frais d'inscription, non remboursables, au compte bancaire du Conseil National comme spécifié dans son règlement d'ordre intérieur.
Iyo ibyangombwa bisabwa bitari mu rurimi rukoreshejwe mu Rwanda, usaba kwandikwa agomba kubanza kubihindurira mu rurimi rwemewe, kubabifitiye uburenganzira mbere yo kubishyikiriza Inama y'Igihugu.	Where the required documents are in a language other than the official languages used in Rwanda, the applicant shall have them translated into any other official language by a competent authority before submitting them to the National Council.	Au cas où les documents requis sont rédigés dans une langue non officielle au Rwanda, le candidat devra en présenter la traduction faite par une autorité compétente au Conseil National.
Igihe usaba kwandikwa atanga impapuro zisaba kwandikwa, agomba kwerekana ibyangombwa by'umwimerere, bitaboneka agatanga ibisobanuro bifatika, bitaba ibyo ugusaba kwe ntikwemerwe.	The applicant shall present the original documents at the time of submitting the completed forms and documents. Failure to do so, he/she shall present justifications or the application shall be rejected.	Lors de la remise du formulaire de demande d'inscription, le demandeur présente des documents originaux; en l'absence de ces derniers, il doit fournir une justification pertinente, si non, la demande d'inscription est rejetée.

**Ingingo ya 5: Kwemererwa kwandikwa muri rejisitiri**

Kwemererwa kwandikwa muri rejisitiri bitangwa iyo Inama y'Igihugu imaze kunyurwa n'uko ibisabwa byose byujujwe.

Mu gihe ibisabwa byose byujujwe, umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza yandikwa mu gice cya rejisitiri cyabigenewe kandi Inama y'Igihugu ikamuha icyemezo cyo gukora umwuga ndetse n'icyemezo cyo kwandikwa muri rejisitiri bizahora bivugururwa.

**Ingingo ya 6: Guhakanirwa kwandikwa muri rejisitiri**

Usaba kwandikwa ashobora guhakanirwa iyo:

- 1° ibyangombwa bye bifite amakemwa;
- 2° impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi ze zitari ku rwego rwemewe n'Inama y'Igihugu.

Igihe usaba kwandikwa aba yahakaniwe, afite uburenganzira bwo kujurira ku cyemezo cyafashwe hakurikijwe ingingo ya 32 y'Itegeko n°25/2008 ryo kuwa 25/07/2008 rishyiraho Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza.

**Article 5: Acceptance for registration**

Acceptance for registration shall be granted after the National Council is satisfied that all the requirements for registration are fulfilled.

If all the requirements for registration are fulfilled, the nurse or midwife shall be registered in the appropriate part of the register and he or she shall be issued, by the National Council, renewable professional licence and certificate of registration.

**Article 6: Refusal of registration**

The applicant may be denied registration if:

- 1° the authenticity of his/her documents is questionable;
- 2° his/her qualifications do not meet the standards of the National Council.

In case of refusal of registration, the applicant shall have the right to appeal against the decision in accordance with Article 32 of the Law n°25/2008 of 25/07/2008 establishing the National Council of Nurses and Midwives and determining its organization, functioning and competence.

**Article 5: Acceptation d'enregistrement**

L'admission au registre est accordée après avoir satisfait à toutes les conditions d'inscription exigées par le Conseil.

Lorsque toutes les obligations de l'inscription ont été respectées, l'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme est inscrit dans la partie appropriée du Registre et le Conseil National lui délivre un certificat d'enregistrement et une carte de licence renouvelables.

**Article 6: Refus d'enregistrement**

Le candidat n'est pas inscrit au Registre si:

- 1° l'authenticité des documents est remise en question;
- 2° les qualifications ne sont pas celles exigées par le Conseil.

En cas du refus d'enregistrement, le demandeur a le droit de faire appel contre cette décision conformément à l'article 32 de la Loi n°25/2008 du 25/07/2008 portant création, organisation, fonctionnement, et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes.

**Ingingo ya 7: Uburenganzira kubyanditswe no guhindura ibiri muri rejisitiri**

Iyandikwa rigira agaciro k'imyaka itatu (3). Kugirango uwanditswe muri rejisitiri ayigumishwemo agomba gutanga cyangwa kwerekana icyemezo ko yihuguye mu bumenyi cyangwa no mu kazi kajyanye n'imirimo ashinzwe.

Ushinzwe rejisitiri niwe gusa wemerewe kugira uburenganzira kuri rejisitiri cyangwa undi ubyemerewe.

Ushinzwe rejisitiri cyangwa undi ubyemerewe, nibo bonyine bemerewe kugira icyo bahindura cyangwa batunganya mubiyanditsemu.

**Ingingo ya 8: Guhagarikwa no guhanagurwa muri rejisitiri**

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza wanditse ahagarikwa kuba muri rejisitiri igihe icyabiteye ari impamvu y'indwara ituruka ku bumuga bwo ku mubiri cyangwa mu mutwe, cyangwa se kubera imyifatire mibi.

Uwanditswe ahagarikwa byagateganyo cyangwa akurwa muri rejisitiri burundu hakurikijwe icyemezo cya Komite ishinzwe guca imanza, nk'uko biteganywa n'Itegeko rishyiraho Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byayo.

**Article 7: Access to register and modifications**

Registration shall be for a three (3) year period. Its renewal depends on proof that the applicant has deeply developed his/her knowledge and professional practice.

Access to the information contained in the register shall be restricted only to the registrar or any other authorised person.

Only the registrar or any other authorised person shall be allowed to make alterations or modifications in the register.

**Article 8: Suspension and removal from the register**

Any registered nurse or midwife shall be suspended from the register due to physical or mental impairment or misconduct.

A registered nurse or midwife shall be suspended or definitively removed from the register on the decision of the judgment panel as provided for by the Law establishing the National Council of Nurses and Midwives and determining its organization, functioning and competence.

**Article 7: Accès au registre et modifications**

L'enregistrement est valide pour trois (3) ans. Pour cela, la réinscription dépendra d'avoir une preuve que le demandeur a profondément développé ses connaissances et sa capacité professionnelle.

L'accès aux informations contenues dans le registre est réservé au seul chargé d'enregistrement ou autre personne autorisée.

Seul le chargé d'enregistrement ou autre personne autorisée peuvent apporter des modifications au registre.

**Article 8 : Suspension et radiation du registre**

Toute infirmière, infirmier ou sage-femme enregistré est suspendu du registre si les circonstances de suspension sont dues à une déficience physique ou mentale, ou pour cause de mauvaise conduite.

L'enregistré est suspendu provisoirement ou radié du registre par décision du Comité de Jugement comme prévu par la Loi portant création, organisation, fonctionnement, et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes.



**Ingingo 9: Gusubizwa muri rejisitiri**

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza wahagaritswe muri rejisitiri ku mpamvu y'uburwayi cyangwa imyifatire mibi mu kazi asubizwamo iyo ushinzwe rejisitiri, akurikije amabwiriza ngengamikorere, agaragarijwe kandi anyuzwe n'uko usaba gusubizwa muri rejisitiri ashobora gukora imirimo ye neza kandi nta ngaruka mbi ku buzima bw'abo agomba kwitaho.

Gusubizwa muri rejisitiri bikorwa mu buryo buteganywa mu mabwiriza ngengamikorere. Ariko umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza ntabwo ashobora gusubiraho iyo yahanaguwe muri rejisitiri kandi:

- 1° igihe cyemewe cyo gusaba kongera kwandikwa kitaragera;
- 2° impamvu yatumye ahanagurwa itarakemuka.

**Ingingo ya 10: Isuzuma ry'impamyabushobozi**

Abagize Inama y'Ubuyobozi bw'Inama y'Igihugu, za komite n'abakozi bayo nibwo bazabanzirizwaho mw'isuzuma ry'impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi.

**Article 9: Reinstatement to the register**

A nurse or midwife who is suspended from the register due to reasons of health or professional misconduct, shall be reinstated to the register only if the registrar, in accordance with internal rules and regulations, is shown evidence and is satisfied that the applicant is able to effectively practice and that there shall be no negative consequences on health of the recipients of the services.

Reinstatement to the register shall be done in accordance with internal regulations. However, a nurse or midwife shall not be reinstated if he/she was removed from the register and:

- 1° It is not yet the period permitted for reinstatement;
- 2° the reason(s) for removal from the registry has/have not been resolved.

**Article 10: Verification of qualifications**

Members of the Board of Directors of the National Council of Nurses and Midwives, its supporting committees and staff shall have their qualifications verified first.

**Article 9 : Réinscription au registre**

Une infirmière, infirmier ou une sage-femme qui a été suspendu du Registre pour des raisons de santé ou d'inconduite professionnelle, est réinscrit au Registre uniquement si le Registrataire, en accord avec le règlement d'ordre intérieur, a eu des preuves évidentes et satisfaisantes que le concerné est capable de pratiquer de manière effective et qu'il n'y aura pas des conséquences négatives sur la santé des bénéficiaires des services.

La réinscription au registre est faite conformément au règlement d'ordre intérieur. Néanmoins, l'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme ne peut pas être réinscrit s'il a été rayé du registre et si:

- 1° la période autorisée pour la réinscription n'est pas encore arrivée;
- 2° il n'a pas encore été tranché sur la cause de la radiation.

**Article 10: Vérification des qualifications**

Toutes les infirmières, infirmiers, sages-femmes, membres du Conseil d'administration, des comités et le personnel du Conseil National sont les premiers à avoir leurs qualifications vérifiées.

**Ingingo ya 11 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo z'amateka yose abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingo ya 12: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 07/03/2011

(sé)

**Dr. SEZIBERA Richard**  
Minisitiri w'Ubuzima

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 11: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 12: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 07/03/2011

(sé)

**Dr. SEZIBERA Richard**  
Minister of Health

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/ Attorney General

**Article 11: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 12: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 07/03/2011

(sé)

**Dr. SEZIBERA Richard**  
Ministre de la Santé

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux